**REPUBLIC OF RWANDA**
**NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY**
**ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE**
**UBUSHINJACYAHA BUKURU**
**P.O. Box 1328 KIGALI-RWANDA**
**E-mail: info@nppa.gov.rw Website: www.nppa.gov.rw**

# ITANGAZO

Ubushinjacyaha Bukuru, ku bufatanye na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane hamwe n'Urubuga rw'Irembo, bwavuguruye uburyo bwo gusaba icyangombwa cyerekana ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'Inkiko, ku banyamahanga babaye mu Rwanda ndetse n'Abanyarwanda baba mu mahanga.

## AMAVUGURURA YAKOZWE:

Umunyamahanga wabaye mu Rwanda adafite indangamuntu y'umunyamahanga cyangwa indangamuntu iranga impunzi, itangwa n'u Rwanda, cyangwa Umunyarwanda uba mu mahanga udafite indangamuntu y'u Rwanda, afashwa n'ibiro bya Ambasade y'u Rwanda bimwegereye.

## ICYITONDERWA:

- Umunyarwanda uba mu Rwanda cyangwa Umunyarwanda utuye mu mahanga, akoresha indangamuntu y'u Rwanda igihe asaba iyi serivisi, abinyujije k'Urubuga rw'Irembo.
- Umunyamahanga utuye mu Rwanda, akoresha indangamuntu y'umunyamahanga cyangwa indangamuntu iranga impunzi, yatanzwe n'u Rwanda, igihe asaba iyi serivisi, abinyujije k'Urubuga rw'Irembo.

Digitally signed by
Havugiyaremye Aimable

**HAVUGIYAREMYE Aimable**
**Umushinjacyaha Mukuru**